




REKA TUGANIRE KUMUTEKANO N'UBWIRINZI BWO MUMUHANDA




BISI ZITWARA ABANYESHURI

Hagarara igihe ubonye imodoka itwaye abanyeshuri icanye itara ritukura ndetse ifunguye n'icyapa kimenyekanisha guhagarara. Kuko abanyeshuri bashobora kuba bari kwinjira cyangwa barigusohoka muri bisi, bityo rero usabwa kutayisatira. Kwirengagiza icyapa cya bisi itwaye abanyeshuri kimenyekanisha guhagarara, ushobora kubicirwa amande.



Igihe bisi yishuri ihagaze mumuhanda ugabanyijemo kabiri cyangwa gatatu icyapa cyayo kimenyekanisha guhagarara gifunguye, **ibinyabiziga byose birikwerekeza mubyerekezo byobi bigomba guhagarara.**



Igihe bisi yishuri ihagaze mumuhanda ugabanyijemo kane cyangwa karenga, imodoka **ZIKURIKIRANYE** ni iyobisi nizo zigomba guhagarara gusa.

INTEBE ZO MUMODOKA

INTEBE ZIREBA INYUMA

Abana bagomba kwicara bareba inyuma mu modoka kugeza bafite imyaka ibiri (cyangwa kugeza bapimye uburemere ntarengwa bwemewe nuwakoze intebe z'imodoka).

INTEBE ZIREBA IMBERE

Abana bagomba kwicara muntebe zireba imbere byibuze bari mukigero cy'imyaka 4 cyangwa bapima ibiro 40-65.

INTEBE ZIBAFASHE

Abana bagomba kwicara muntebe zibafashe kuva kumyaka ine kugeza byibuze ku myaka 8 y'ubukuru cyangwa 4'9".

Umukandara ugomba kunyuzwa kurutugu no mugituzza aho kumufata mu ijosi no mumaso.

IMODOKA ZISHYUHA

- Ntuzigere usiga umwana mumodoka utagenzuye, niyo idirishya ryaba rifunguye.
- Reba neza ko abana bose bava mumodoka mugihe ugeze aho wajyaga.
- Ntukibagirwe mpinja zisinziye.
- Igisha abana kudakinira mumodoka no hafi yayo. Igisha abana bakuru uburyo bakingura urugi rw'imodoka igihe baba bifungiyemo kubwimpanuka.
- Imbere mu modoka harashyuha cyane niyo ibirahure byaba byaramenetse. Mugihe hanze haba hari ubushyuhe bwa dogere 75, ubushyuhe bw'imbere mumodoka bushobora kuzamuka byihuse bukagera kuri dogere 94 muminota 10, ndetse na dogere 109 muminota 30.

GUTWARA WASINZE

IMIKORERE Y'AMATEGEKO YA IDAHO KUBIJYANYE N'ABATWARA BASINZE.

Abashinzwe kubahiriza amategeko agenga umutekano wo mumuhanda bahuguriwe kumenya umuntu utwaye ikinyabiziga ya sinze (DUI). Buri mwaka, abashoferi barenga 10,000 bafatirwa muri Leta ya Idaho bazira gutwara basinze. Igihe utwaye ikinyabiziga wa sinze, ubufite amahirwe menshi yo gufatwa. Igihe umupolisi agukeka ko utwaye wanyweye ibiyobyabwenge, agusaba kugufata ikizamini cya (BAC) gisuzuma ingano y'ibisindisha bikuri mumaraso.

Mu mategeko ya Idaho, atenya ko iyo uramutse wanze gutanga iki kizamini, uruhushya rwawe rwo gutwara ibinyabiziga rufatirwa ndetse ukaba utemerewe gutwara mugihe kingana n'umwaka 1 ndetse n'amande angana n'amadolari 250. Iyo umupolisi agukeka ko ukoresha ibiyobyabwenge, ashobora kugusaba ikindi kizamini kugirango hamenywe ingano y'ibiyobyabwenge bikurimo.

NI GUTE WAKIRINDA GUTWARA WA SINZE?

Uburyo bwiza bwo kwirinda gutwara wa sinze ni ukwirinda kunywa ibisindisha ngo unatware. Igihe urikumwe n'inshuti mukaba mwananyweye, mushobora gukoresha imodoka rusange nka Uber cyangwa Lyft aho kwitwara, cyangwa mukaba mwategura umushoferi uri bubacyure mbere yo kujya kunywa.

EJO HEZA NI AHANGENAWE.

Twese ntawaba afite umutekano, igihe hari umuntu ugitwara ikinyabiziga ya sinze. Buri wese afite uruhare rwo kwirinda gutwara ya sinze. Igihe bibaye ngombwa ko ari inshuti n'umuryango, zirikanako nabo babona ubatwara bagere murugo amahoro. Buri wese afite inshingano zo kubungabunga umutekano wo mumuhanda, bityo rero ba ijisho rya mugenzi wawe.

Iyo uhamwe n'icyaha cyo gutwara ikinyabiziga wasinze, uhanishwa ibihano bikurikira: (Igitabo cy'Amategeko ya Idaho 18-8005)

INGINGO YAMBERE Y'AMATEGEKO AHANA

- Ibyaha byoroheje
- Igifungo: kugeza ku mezi 6
- Amande: agera ku madolari \$ 1.000
- Guhagarikirwa uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga: kuva kuminsi 90 kugeza 180

INGINGO YA KABIRI (mu myaka 10)

- Ibyaha byoroheje
- Igifungo: iminsi 10 iteganywa n'itegeko, kugeza kumwaka 1
- Amande: agera ku madolari 2,000
- Guhagarikirwa uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga: umwaka 1 uteganywa n'itegeko nyuma yo kurekurwa ntaburenganzira bwo gutwara ikinyabiziga icyaricyo cyose uba ufite.
- Ishyirwa ry'akamashini gapima ibisindisha mumodoka

INGINGO YA GATATU (mu myaka 10)

- Ibyaha bikabije
- Igifungo: Iminsi 30 igenwa n'itegeko, kugeza ku myaka 5
- Amande: agera ku madolari 5,000 \$
- Guhagarikirwa uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga: kugeza ku myaka 5, umwaka 1 uteganywa ni itegeko, nyuma yo kurekurwa ntaburenganzira bwo gutwara ikinyabiziga icyaricyo cyose uba wemerewe.
- Ishyirwa ry'akamashini gapima ibisindisha mumodoka

Hari ibihano biteganywa hagendewe kukigero cy'ibisindisha kigaragajwe n'ikizamini cya BAC kukigero cya 0,20% kuzamura.


GUHAGARIKWA NA POLISI MUMUHANDA

UBURYO BWIZA BWO KUVUGANA NA POLISI IGIHE UHAGARITSWE:

INTAMBWE Ya 1: GUHAGARARA

Nyuma yo kubona amatara ya Polisi yaka inyuma yawe, koresha ibimenyetso byawe kugirango wereke Polisi ko ugiye guhagarara.

- Buhoro buhoro hagarara kuruhande, ahantu hitaruye ibindi binyabiziga.
- Funga radiyo cyangwa indi miziki.
- Hagarika imodoka yawe, ikirenge ugikure kuri vitensi.
- Guma mu modoka, kugeza umuyobozi agusabye gusohoka.
- Manura ibirahuri by'imodoka.
- Guma wambaye umukandara neza.
- **Mwijoro: fungura itara ryimbere**



Igihe wenda guhura n'imodoka itanga ubutabazi, ihutire kuyibererekerera byihuse. Niba ibyo bidashoboka, gabanya umuvuduko.

KUSIMAMISHWA NA POLISI

INTAMBWE Y 2: IGIHE UMUPOLISI YEGEREYE IMODOKA YAWE

Shyira amaboko yombi hejuru ya Vola.

INTAMBWE Ya 3: IGIHE UVUGANA NA POLISI

Emerera umuyobozi gutangira ikiganiro:

- Kora ibyo agusabwe.
- Subiza ibibazo byose utabogamyeye.
- Wikwihutira kubaza impamvu uhagaritswe - kuko uba urayimenyeshwa.
- Tegura uruhushya rwogutwara ikinyabiziga ndetse n'ibindi byagobwa witonze, kandi ubitange aruko Umupolisi abigusabye.
- Garagaza ubunyamugayo, ubugwaneza ndetse n'ikinyabupfura.
- Irinde kugenda Umupolisi atabiguhereye uburenganzira.
- Itonde igihe usubiza ikinyabiziga mumuhanda witegura kugenda.

Igihe ukurikiwe n'imwe mumodoka zihariye zitanga ubutabazi (imodoka ya Polisi, ikamyo ishinze kuzimya inkongi, ambulansi) usabwa guhita uhagarara kuruhande kugeza zimaze gutambuka.

UBWIRASI MU MUHANDA


IGIHE UHUYE N'UMUSHOFERI W'UMWIRASI, UGOMBA:

- Ihutire kumuvira munzira **witonze**.
- **GIRA GUTUZA** - Kugera aho ugiye amahoro niyo ntego yawe.
- **NTU**gahangane nabo.
- **IRINDE** guhuza amaso nabo.
- **IRENGAGIZE** amarenga bagucira kandi wo kubasubiza.
- **TANGA RAPORO** igihe ubonye umushoferi ufite imyitwarire idahwitse (ibirango by'imodoka, nimeru iyiranga ndetse naho iherereye)
- Buri gihe **AMBARA UMUKANDARA** mugihe ugize ikibazo gitunguranye imodoka yawe igata ikerekezo

Igihe bigaragaye ko bikoze kubushake, bifatwa nk'urugomo rwo mumuhanda kandi bihanwa n'amategeko.

NIGUTE WATANGA RAPORO Y'ABASHOFERI BATWAYE BINYURANYIJE N'IBYAGENWE:

1. **Hamagara kuri** - Shakisha ahantu hatekanye maze uhamagare kumurongo utishyurwa bagufashe 208.377.6790, cyangwa 911
2. **Kusanya amakuru** - Witegure kugaragaza aho imodoka iherereye, ibiyiranga ndetse na nimeru iyiranga.



KUENDESHA KWA UCHOKOZI

REKA TUGABANYE UMUVUDUKO DUTWARE DUTEKANYE

Gutwara ibinyabiziga hatitawe ku mategeko agenga umutekano wo mumuhanda ni kimwe mubitera kimwe cyakabiri cy'impanuka muri Leta ya Idaho - kandi bishyira buri wese mukaga. Reka buri wese abe ijisho rya mugenzi we twubake umuryango utekanye kubakoresha umuhanda bose, kuva kubanyonzi, abanyamaguru kugeza kubamotari ndetse n'abashoferi.

URI UMUSHOFERI W'UMWIRASI NIBA:

- Wirengagiza ibimenyetso n'ibyapa byo kumuhanda
- Umuvuduko no gufunga inyuma himodoka
- Ugendera kumuvuduko ukabije nkana
- Ugenda upepera abantu murujya n'uruza rw'imodoka
- Ugenda uhinduranya imihanda kenshi uko wishakiye
- Ugenda ujarajara mumuhanda ugamije guca kumodoka zikuri imbere
- Ugenda upepera ndetse uca amarenga n'ibimenyetso bigamije kurangaza abandi
- Ugenda uvuza induru, amahoni ndetse ucana n'amataru bitari ngombwa

IBYINGENZI BYO GUTWAREA NO KWIRINDA INAMA

JYA WAMBARA UMUKANDARA IGIHE CYOSE

Ukinjira mu modoka ugomba guhita wambara umukandara. Ubushakashatsi bugaragazako kimwe cya kabiri cyabantu bahitanwa nimpanuka ari abagenzi batambara imikandara.

GUTWARA IMODOKA MU MVURA

Zimya uburyo bwo kugendera kumuvuduko udahinduka. Genda gahoro. Buri gihe ugomba gusiga intera hagati y'imodoka yawe n'izo mukurikiranye. Irinde kujarajaza imodoka byahato nahato nko gutambuka kuzikuri imbere bitunguranye. Cana amatara y'imbere. **URAGIRWA INAMA**-yo kudahagarika umutima ngo ni uko imodoka irigushubura amazi cyane. Fata feri witonze, ukomeze uhangane no kunyerera kw'imodoka kugeza igihe imodoka irasubirira mu murongo nyawo.

GUTWARA IMODOKA NIJORO

Irinde gutwara imodoka unaniwe. Gerageza utwarire mu muhanda umwe niba ugabanyijemo kabiri. Cana amatara maremare aho biri ngombwa gusa. Komeza witegereze imbere mucyerekezo urikujyamo. Ntiwibande gusa kukureba mu muhanda rwagati. Ugenzureko amatara yawe y'imbere arikumurika mukerekezo nyacyo. **URAGIRWA INAMA**-yo guhanagura indorerwamo z'imodoka yawe n'amadirishya yose imbere n'inyuma.



GENDERA KU MUVUDUKO NTARENGWA

umutekano wo mumuhanda n'igihe cy'urugendo. Barinda kandi abanyamaguru, abanyamagare n'abamotari bashobora kwibasirwa n'umuvuduko ukabije. Umuvuduko ntarengwa akenshi ushingira kumiterere y'umuhanda nk'amakorosi, uko ugaragara, ni ibikorwa remezo biwukikije.

IBYO WAKORA NGO WIRINDE IBYAGO BYO MU MUHANDA

Ingamba zingenzi zo kwirinda ibyago byo mu muhanda ni:

- Komezera kuba maso: Komezera kwibanda kumuhanda kandi wirinde ibirangaza nko gukoresha terefone.
- Komezera intera itekanye: Gumana intera witaruye imodoka iri imbere yawe (intera y'amasegonda 3 niyo isabwa ninzobere mu bijyanye n'umutekano wo mu muhanda).
- Itegure ibyago: Menya ibigukikije kandi witegure imbogamizi zishobora kukubaho, nk'abanyamaguru, abanyamagare, cyangwa guhagarara kw'imodoka gutunguranye.
- Koresha Indorerwamo Kenshi: genzura indorerwamo z'imodoka yawe kenshi kugirango umenye izindi modoka zigukikije. **URAGIRWA INAMA** - yo kumenya ahantu hijimye utabasha kureba mu ndorerwamo z'imodoka yawe.
- Witegure kubyitwaramo: Witegure kwakira ibibazo bitunguranye bishobora guterwa n'abandi bashoferi ndetse n'ibindi bintu bigukikije.

KUBUNGABUNGA IMODOKA

Ninshingano zawe gukomeza kubungabunga imodoka yawe. Jyana imodoka yawe muri serivisi ya kontorole byibuze rimwe mu mwaka. Ugenzuze agasanduku ka feri, ibyuma bihanagura ibirahure, amavuta ahoza moteri, amavuta ya feri, imikorere y'amapine, amenyi y'amapine, ibibintu byose ningenzi kuko bigira uruhare kumikorere y'imodoka yawe - jya ubisuzumisha buri gihe.

URAGIRWA INAMA- igihe ugiye kugura imodoka ya koreshejwe kubakomisiyoneri/ ku muntu ugurisha imodoka kugitike, musabe ko wabanza kujya (kuyisuzumisha mbere yo kuyigura). Birumvikana ko byagutwara amafaranga, ariko na none bishobora gucungura amafaranga yawe ndetse bikana gufasha kumenya uko imodoka yawe ihagaze. Kenshi na kenshi bakora igenzura ry'amanota 100-150, bagenzura feri, amapine, amavuta, vitensi, amashanyarazi, amarangi, nibindi. Nibakwangira ko ukoresha iri genzura... Uzigendere!

Buri gihe jyusobanukirwa n'ubwoko bwimodoka ugiye kugura. Ese irizewe? Ni ikihe kigereranyo cy'ayo nzayitangaho ku mwaka? Ese inywa esanse/mazitu ingana iki? Rebera kuzindi modoka ziri mukigero kimwe nkayo, uzishakeho amakuru, hanyuma uyifashishe ufata umwanzuro.

IMFU ZO MUMUHANDA MURI IDAHO ZARAZAMUTSE ZIGERA KURI A 20 MU MWAKA WA 2023

Niki cyagize uruhare runini muri ibi?

UBURANGAZI
BW'ABASHOFERI

UMUVUDUKO UKABIJE

GUTAKAZA
ICYEREKEZO

KUSHINDWA KUDUMISHA LENI

KUPITA KWA KASI KISICHOFAA

KUNANIRWA KUGENDERA MU
MUMURONGO UMWE

GUSHAKA GUHITA KUBANDI

KUGENDERA MUMURONGO
UGABANYA UMUHANDA

KUTABA MASO KW'ABASHOFERI

KUDAHAGARARA NGO IKINDI KINYABIZIGA
KIBANZE GIHITE